# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

No 253 Werurwe 2024



## ABAGIZE URWEGO RUSHINZWE KUGENZURA IMYITWARIRE NO GUKEMURA IMPAKA MU MITWE YA POLITIKI BASOJE AMAHUGURWA



Nyuma y'aho mu mwaka w'ingengo y'imari 2022-2023, Ihuriro ryahuguye abagize Urwego rushinzwe kugenzura imyitwarire no gukemura impaka mu Mitwe ya Politiki bo mu Ntara y'Iburasirazuba, abo mu Ntara y'Amajyepfo n'abo mu Ntara y'Iburengerazuba, mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka w'ingengo y'imari, 2023-2024, Ihuriro ryakoze ayo mahugurwa mu Ntara y'Amajyaruguru no mu Mujyi wa Kigali. Amahugurwa yo mu Ntara y'Amajyaruguru yabaye ku matariki ya 02 - 03 Werurwe 2024, abera mu cyumba cy'inama cya Hotel LA PALME iri mu Karere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru. Aya mahugurwa yitabiriwe n'abantu 51 kuri 55 bari bateganyijwe; bakaba baturuka mu Mitwe ya Politiki 11 igize Ihuriro, bo mu Turere tugize Intara y'Amajyaruguru, buri Mutwe wa Politiki ukaba wari uhagarariwe n'abantu 5. Amahugurwa yo mu Mujyi wa Kigali yabaye ku matariki ya 09 - 10 Werurwe 2024, abera muri Hotel LEMIGO iri mu Mujyi wa Kigali. Aya mahugurwa yitabiriwe n'abantu 32 kuri 33 bari bateganyijwe, bakaba baturuka mu Mitwe ya Politiki 11 igize Ihuriro, bo mu Turere tugize Umujyi wa Kigali, buri Mutwe wa Politiki ukaba wari uhagarariwe n'abantu 3.

Muri aya mahugurwa hatanzwe ibiganiro bikurikira:

**Ingingo z'amategeko zigenga imikorere y'Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki mu Rwanda:** imyitwarire isabwa umuyobozi n'umuyoboke b'Umutwe wa Politiki. Iki kiganiro cyatanzwe n'Umunyamabanga Mukuru Wungirije muri SENA y'u Rwanda, Bwana TULIKUMANA Emmanuel;

**Gukumira no gukemura amakimbirane ya politiki n'ingamba zafasha Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki kuzuza neza inshingano zazo.** Iki kganiro cyatanzwe na Depite NYIRAHIRWA Veneranda;

**Inshingano n'imikorere by'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki.** Iki kiganiro cyatanzwe na Bwana GISAGARA Theoneste, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro; Amavu n'amavuko y'Umuryango Panafricanism Movement n'imikorere yawo mu Rwanda. Iki kiganiro cyatanzwe na **Hon. MUSONI Protais**, Umuyobozi w'Umuryango Pan-Africanism Movement/ Ishami ry'u Rwanda.

Aya mahugurwa yari agamije:

Kuganira ku ngingo z'amategeko zigenga imikorere y'Imitwe ya Politiki mu Rwanda (Iziri mu Itegeko Nshinga, Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki, Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo, Amategeko y'Umutwe wa Politiki,…); Kuganira ku nshingano n'imikorere by'Urwego rushinzwe imyitwarire no gukemura impaka mu Mutwe wa Politiki; ibyagezweho, imbogamizi n'ingamba, n'uburyo uru rwego rwuzuzanya n'izindi Nzego z'Umutwe wa Politiki.

Muri rusange amahugurwa yagenze neza, nk'uko yari yarateguwe. Akaba yaritabiriwe n'abantu 81 kuri 88 bari bateganyijwe, bingana na 94.3%. Asoza aya mahugurwa, Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro Madamu Mukabasebya Claudette, yasabye abagize Urwego rushinzwe kugenzura imyitwarire no gukemura impaka mu Mitwe ya Politiki ko mu mikorere yabo ya buri munsi bagomba kugendera ku mategeko, bakaba abanyakuri, ntibabogame, bakarangwa n'imyitwarire iboneye. Yabasabye kandi kuzasangiza abandi bayoboke ubumenyi bungutse mu mahugurwa.

## URUBYIRUKO RWO MU MITWE YA POLITIKI RWASOJE AMAHUGURWA Y'ICYICIRO CYA 20



Muri iki gihembwe cya gatatu cy'umwaka w'ingengo y'imari, Ihuriro ryateguye amahugurwa y'Icyiciro cya 20 cya Youth Political Leadership Academy (YPLA). Iki cyiciro cyitabiriwe n'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki yose igize Ihuriro rwo mu Mujyi wa Kigali n'urwo mu Ntara y'Iburasirazuba, buri Mutwe wa Politiki ukaba warohereje abakandida umunani (8), mu Mujyi wa Kigali bane, no mu Ntara y'Iburasirazuba 4. Bose hamwe bakaba 88.  Kubigiraga mu Mujyi wa Kigali, amasomo yatangiye tariki ya 29 Mutarama 2024 asoza tariki ya 06 Werurwe 2024. Naho kubigiragara mu Ntara y'Iburasirazuba, amasomo yatangiye tariki ya 15 Werurwe asoza tariki ya 05 Mata 2024. Amasomo yari agamije ibi bikurikira:

Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki no kurushishikariza kwitabira umwuga wa politiki kugira ngo ruzavemo abayobozi bashoboye; Gutegura urubyiruko kugira ngo rwitabire kujya mu myanya y'ubuyobozi mu Mitwe ya Politiki rubarizwamo no gufasha iyo Mitwe ya Politiki gutera imbere;

Gufasha urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki kugira ubumenyi n'ubushobozi burufasha kugira uruhare rugaragara mu miyoborere myiza n'iterambere by'Igihugu.

Muri iri shuri higwa amasomo 15 hakanatangwa ibiganiro 5. Mu masomo yigishwa, yibanda ku bumenyi bwibanze muri Politiki. Urubyiruko rukaba rusobanurirwa icyo politiki ari

cyo. Bagasobanurirwa ko politiki ari ubuzima rusange bw'Igihugu haba mu miyoborere, ubukungu, ubuzima, uburezi, umutekano, ibidukikije, uburezi, umutekano, ibidukikije, ububanyi n'amahanga, ubuhinzi, n'ibindi. Bakamenya gutandukanya politiki nziza n'isenya, bagasabwa kwirinda politiki mbi no kuyirwanya. Aya masomo kandi agaruka ku ruhare rw'Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki mu iterambere rusange ry'Igihugu. Abanyeshuri kandi biga uburyo abantu baseruka muri politiki, haba mu gihe cy'ihiganwa (political competition) ndetse no mu gihe cy'ubukangurambaga rusange (political mobilization). Basobanurirwa isano iri hagati y'amatora akozwe mu mucyo, imiyoborere myiza, imibereho myiza y'abaturage, n'iterambere rusange ry'Igihugu. Urubyiruko kandi ruhabwa isomo rirebana n'amategeko agenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki mu Rwanda. Banasobanuriwa indangagaciro zigomba kuranga abanyapolitiki. Aba banyeshuri baganirijwe kuri Politiki na gahunda za Leta, bakaba barahawe ibiganiro bikurikira:
Amahame Remezo u Rwanda rugenderaho, gitangwa na SENA y'u Rwanda; Ndi Umunyarwanda, gitangwa na MINUBUMWE; Kwihangira umurimo no guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda, gitangwa na MINICOM; Imiyobore y'u Rwanda Twifuza n'Icyerekezo 2050, gitangwa na MINALOC; Ingamba za Guverinoma y'u Rwanda mu kurwanya ibiyobyabwenge mu Rwanda, cyane cyane mu rubyiruko, gitangwa na RBC. Uretse aya masomo n'ibiganiro urubyiruko rwasuye Ingoro y'amateka y'urugamba rwo guhagarika Jenoside. Rusura kandi Urwibutso rwa Jenoside rwa Rebero, ahashyinguye bamwe mu banyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Hakurikijwe amategeko agenga iri shuri, abanyeshuri 83 kuri 88, nibo bashoboye kubahiriza ibisabwa byose kugira ngo bahabwe Icyemezo (Certificate). 42 bigiye mu Mujyi wa Kigali naho 41 bigira mu Ntara y'Iburasirazuba. Muri rusange ihame ryo kwigisha umubare ungana w'abasore n'inkumi riruhabirizwa kuri buri cyiciro. Kuri iki cyiciro cya 20, ku mashuri yombi (Kigali na Rwamagana) abasore bahawe Icyemezo cy'amahugurwa ni 41 bangana na 49.4%, naho abakobwa ni 42, bangana na 50.6%. Ku bigiye i Kigali: Abasore ni 20 bangana na 47.6%, abakobwa ni 22 bangana na 52.4%. Ku bigiye i Rwamagana: abasore ni 21 bangana 51.2%, naho abakobwa ni 20 bangana na 48.8%. Abatarashoboye kubahiriza ibisabwa, bahabwa amahirwe yo kwiga amasomo batize mu kindi cyiciro, mu gihe babisabye. Iyo bamaze kwiga amasomo batize nibwo bahabwa Icyemezo (Certificate). Ni muri urwo rwego hari umusore wize mu mwaka wa 2022, ntiyasoza amasomo ye neza kubera akazi. Muri uyu mwaka wa 2024, yasabye kuza kwiga amasomo yasibye arabyemererwa, akaba nawe yarahawe Icyemezo cy'amahugurwa.
Muri rusange umusaruro umaze kugerwaho urashimishije. Kuva mu mwaka wa 2010 kugeza uyu munsi, urubyiruko rumaze kwiga muri iri shuri ni 1,447, rugizwe n'ab'igitsina gabo 728 (50.3%), naho igitsina gore bakaba 719(49.7%). Ni umubare ushimishije, icyifuzo ni uko twabona ingengo y'imari ihagije kugira ngo dukomeze twigishe uru rubyiruko.
Amahugurwa y'icyiciro cya 20 yashoje kuwa gatandatu tariki ya 20/4/2024, asozwa n'Umuvugizi w'Ihuriro, Hon. Mukama Abbas, yashishikarije urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki kwitabira gahunda zose za Leta, bakazigiramo uruhare rufatika. Yabasabye kuba intangarugero aho batuye bakitabira ibikorwa byose bitegurwa n'ubuyobozi. Abashishikariza kuzitabira amatora azaba muri Nyakanga (bakikosoza kuri liste y'itora, bakazanatora neza). Yabasabye kwirinda icyo ari cyo cyose cyabatesha umurongo, abasaba kuzakomeza guharanira kuba abanyapolitiki beza, bagaharanira ineza y'Abanyarwanda bose n'Ubumwe bw'Igihugu. Yanabagiriye inama yo kwirinda ibiyobyabwenge.

## IMITWE YA POLITIKI YIBUTSE ABANYAPOLITIKI BISHWE MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994

Nk'uko bisanzwe bikorwa buri mwaka, ku bufatanye bw' Ihuriro na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), bateguye igikorwa cyo kwibuka abanyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Iki gikorwa cyabaye tariki ya 13 Mata 2024, kibera ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Rebero, kikaba gihuzwa no gusoza icyumweru cy'icyunamo ku rwego rw'Igihugu.

Mu myiteguro yo kwibuka abanyapolitiki bishwe muri jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, Ihuriro ryakoranye inama zinyuranye na MINUBUMWE. Ihuriro ryatumiye abahagarariye Imitwe ya politiki bitabiriye uwo muhango. Buri Mutwe wa politiki ukaba wari uhagarariwe n'abantu 3. Ihuriro kandi ryasabwe gutumira urubyiruko 200 rwiga mu ishuri ry'Ihuriro ryigisha politiki n'imiyoborere (Youth Political Leadership Academy).

Umuvugizi w'Ihuriro yagenewe umwanya wo gutanga ubutumwa (Speech).

Muri rusange, igikorwa cyo kwibuka Abanyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyagenze neza. Ubushakashatsi bwakozwe na MINUBUMWE mu gihe cy'imyaka ibiri, bukaba bwaragaragaje abandi banyapolitiki bashya 9 bishwe, biyongera ku bari basanzwe bibukwa kubera ibikorwa n'ubutwari byabo byo kurwanya ingoma y'Igitugu, kwanga akarengane no guharanira uburenganzira bwa muntu.
Kugeza ubu, umubare w'abanyapolitiki bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, MINUBUMWE ifitiye amakuru n'imyirondoro yuzuye ni 21. ■